IJAMBO RY'UMUSHUMBA MUSHYA WA RUHENGERI

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Mushyitsi muhire waje uhagarariye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Ba Nyakubahwa Bepiskopi,
Ba Nyakubahwa bayobozi mu nzego zinyuranye z'Igihugu cyacu,
Ba Nyakubahwa bayobozi bakuru b'amadini,
Basaserdoti, Bihayimana,
Babyeyi, bavandimwe, ncuti, bashyitsi bahire,

Mbanje kubaramutsa: nimugire amahoro n'umugisha dukesha Imana umubyeyi wacu. Imana nisingizwe kuko yumvise amasengesho y'umuryango wayo. Tuyishimire ibyiza yatugiriye iduha gusangira ibyishimo by'uyu munsi, umunsi utazibagirana mu mateka ya Diyosezi ya Ruhengeri no mu buzima bwanjye bwite.

Ndabanza nshimire, mbone kubibwira, nsoze mbabwira uko numva nzasohoza ubutumwa mpawe.

1. ***Gushimira:***

Ndashimira Nyirubutungane Papa Benedigito XV n'abayobozi bakuru ba Kiliziya bamufasha icyizere bangiriye bantorera kujya muri uru rwego n'ubwo ntari mbikwiye rwose.

Nje ndi umwepiskopi wa 5 w'iyi Diyosezi. Ndashimira Musenyeri Joseph SIBOMANA wabaye umushumba wa Diyosezi yacu asimbuye Musenyeri Bernard MANYURANE witabye Imana mbere y'uko ahabwa ubwepiskopi, ndashimira Musenyeri Phocas NIKWIGIZE na Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO babaye abashumba b'iyi Diyosezi, n'abandi mu bihe bitandukanye babaye Abayobozi b'iyi Diyosezi (Administrateurs Apostoliques). Muribuka: Musenyeri Antonio Martinez, Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO, na Musenyeri Alexis HABIYAMBERE wayoboraga Ruhengeri kugeza uyu munsi.

Buri wese mu bihe bitandukanye no mu buryo butandukanye yubatse umuryango w'Imana mu mateka y'abantu atabura uruntu runtu. Ibyiza bakoreye iyi Diyosezi bigaragarira bose tuzabishingiraho dukataze tujya mbere.

Ndashimira Diyosezi ya Nyundo muri rusange no ku buryo bw'umwihariko Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere wamfashije muri byose none akaba, hamwe na bagenzi be Abepiskopi bamaze kundamburiraho ibiganza bamvugiraho isengesho ry'iyeguriramana, ngasigwa amavuta y'ubutore, ngashyikirizwa Igitabo cy'Ivanjili ngomba kwamamaza nshize amanga, ngahabwa impeta, ikimenyetso

cy'ubudahemuka, nkambikwa ingofero inyibutsa kuzajya ndabagirana iteka ubutungane, ngahabwa inkoni ya gishumba. Ndashimira abepiskopi banyakiriye mu rwego rwabo.

Turashimira Minisitiri w'Intebe waje uhagarariye Prezida wa Repubulika muri ibi birori. Ubwo waje uri intumwa, natwe twagira ngo tugutume: uzatugereze kuri Prezida wa Repubulika indamutso y'amahoro y'abasaserdoti, abihayimana, n'abakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri n'umushumba wabo mushya.

Turashimira ubufatanye bwiza bwa Kiliziya na Leta mu rwego rw'uburezi, ubuzima n'iterambere ry'abanyagihugu. Turishimira umudendezo n'ubwisanzure biri mu gihugu cyacu bituma dusohoza neza ubutumwa twahawe n'Imana. Turifuza ko ubwo bufatanye bwarushaho gusagamba maze twese tugahuriza ku ntego yo kubaka iyi si yacu ikarushaho kuba nziza, u Rwanda rwacu rukarushaho kubera abarutuye. Kiliziya yacu izakomeza kuzana umuganda wayo mu guteza imbere igihugu cyacu cyiza, turatire abandi ibyiza bigerwaho n'umuryango uhiriwe no kugira Imana ho umutegetsi.

Namwe mwese mwitanze ngo uyu munsi ugende neza, mwebwe mwese mwakomeje kumba hafi none mukaba mwaje guhimbaza ibi birori bitagatifu, mwebwe mwese mutashoboye kugera hano uyu munsi ariko tukaba turi kumwe tubikesha itumanaho ryihuse, namwe mwarangije urugendo rwanyu hano ku isi, ibi birori mukaba mubirebera mu yandi mataratara, tukaba turi kumwe ku buryo butagaragarira amaso, ndabashimiye mbikuye ku mutima.

2. Kubibwira:

Mu kuzuza ibyavuzwe mu bitangazamakuru, ndi uwo Imana yakunze urukundo ruhebuje, ikamukura mu busa kandi kure, mu gihe cy'amage ikamucira icyanzu imutegurira kuzaba umuhamya w'ineza n'urukundo byayo bihoraho iteka.

Mu mwaka wa Yubile y'imyaka 50 maze mbonye izuba, n'imyaka 50 maze mbatijwe, Imana intoreye kuba umwepiskopi, nkaba ninjiye mu rugaga rw'abasimbura b'intumwa. Koko Nyagasani, urukundo unkunda rurahebuje. "Nzashimira Uhoraho igihe cyose, ibisingizo bye bizahora ubudahwema mu munwa wanjye. Ishema mfite ryose ndikesha Uhoraho, ab'intamenyekana nibabyumve maze bishime" (Zab. 34, 2).

Guhabwa ubu butumwa ndi mu cya kabiri cy'ikinyejana igihe bamwe bavuga ko nkiri muto abenshi bavuga ko ndi mu nyongezo, mbona ari ukugira ngo ntazagira icyo nitwaza. Sinkiri umwana utazi gutandukanya ikibi n'icyiza, sindi n'umukambwe rukukuri, utashobora kwiruka ikizamuka bibaye ngombwa.

Ariko ibyo byose sibyo nshingiyeho. Iyo nzirikanye ubutumwa bw'umwepiskopi, ngahindukira nkireba, nsanga ikimpumuriza ari uko ndi umukozi usanzwe mu murima w'Imana. Nyirimizabibu arahari, abyibereyemo, ibyo ni byo binkomeza. Byose mbishyize mu maboko ye.

Intego yanjye ikubiye muri aya magambo atatu mu rurimi rw'ikilatini: "Vidimus stellam eius" (Twabonye inyenyeri ye). Nka ba bami (Mt 2, 2), nimuze tugane i Betlehemu turangamire ikirugu aho duhura n'Imana yigize ubusabusa ngo muntu agere ku buhangange akesha kumenya Imana no kwemera kugengwa n'amatwara yayo. Hahirwa umuryango ufite Imana ho umutegetsi n'abantu yitoreye kuba imbata z'umurage we (Reba Zab. 33, 12).

Ntawe ukwiye kwihererana ibyishimo byo kuba yarahuye na Kristu, kuba yaramenye Kristu.

Bakristu, turahirwa kuko twabonye Kristu. Ibyishimo byacu bitageruka ni aho bikomoka. Ni ibyishimo by'abashakashakana Imana umutima utaryarya maze bagatungurwa n'uko basanga Imana yafashe iyambere. Abigishwa ba Yezu b'ikubitiro: Andreya, Simoni, Filipo, Natanayeli, bagurumanaga ibyo byishimo bakaryoherwa no kubisangira bavuga bati: "Twabonye Kristu" (reba Yoh 1, 29 – 51).

Iyo migambi ikubiye mu kirangantego. Mu kirangantego hagati, harimo ifi. Ifi ni ikimenyetso cyakoreshejwe cyane n'abakristu mu bihe bya mbere. Cyari ikimenyetso gisobanura Kristu. Mu kigereki ijambo iktus rivuga ifi, wafata buri nyuguti uyirambuye bikaba <u>Yezu Kristu Umwana w'Imana ni umucunguzi</u>.

Hari inyenyeri ishushanya Kristu: Zuba rirashe. Iyo nyenyeri yirukana umwijima w'inabi n'urupfu maze urumuri rw'ineza n'ubuzima rugatangaza. Ni yo ituma tubona ubwiza bw'ibyo Imana yaremye: amazi, inyanja, ibibaya, imisozi n'ibirunga, amafi, udusimba, n'ibisimba, ibyikururа ku butaka, n'ibiguruka, ingagi, ibyatsi, ibiti, … byose wabibona ugasingiza uwabihanze. Ni yo ituma ubona muntu nk'agahebuzo, kumwubaha no kwiyubaha bikaba intego.

Urumuri rwirukana umwijima nirwo rutuma Muhabura ihabura abahabye igaragara. Izuba ritera ubushyuhe, amazi yahura n'ubushyuhe akabyara urwokotsi. Urwokotsi uko rugenda rwegerana rukabyara ibicu, byahura n'imisozi miremire bikabyara imvura, imisozi igatohagira, ubutaka bukarumbuka, amahoro n'umudendezo bigasagamba.

3. Uko nzasohoza ubutumwa mpawe

Mpawe ubutumwa muri Diyosezi ituwe n'abantu basaga Miliyoni. Muri bo harimo abemera, abemera gato, abahakanyi, …. Amahirwe tugira ni uko abasaga 80% bemera Imana, 50% bakaba ari abakristu gatolika. Nk'Umwepiskopi, ntumwe kuri abo bose, ariko ni ubutumwa nsangiye namwe abemera. Abo bose bagomba kumenya Inkuru Nziza y'uko twabonye inyenyeri ye" –Iyo Nkuru Nziza abemera bose bashimishwa no kuyisangira, bakayigeza no ku batarayimenya cyangwa se bayumva nabi.

Abemera Kristu, turi umuryango Imana yitoreye. Ifite gahunda yo kubumbira hamwe umuryango uzi Imana kandi ukayikorera mu budahemuka (LG. 9).

Mu bintu byose umuntu agira aho ahera. Diyosezi igizwe na za Paruwasi, paruwasi ikagirwa n'imiryangoremezo, imiryangoremezo igashingira ku rugo rwa gikristu.

Paruwasi ni ishuri ry'ibanze ry'ukwemera, aho abemera bitoreza gusenga, aho abantu bagaragariza ubukristu bwabo mu buzima busanzwe, aho ijwi rihamagarira kwiyegurira Imana ryumvikanira.

Basaserdoti, Bihayimana, bakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri, byose nimuze tubyubakire kuri Paruwasi igizwe n'abantu batandukanye ariko batahiriza umugozi umwe. Ni ngombwa guhuza imbaraga aho kuzitatanya.

Paruwasi nibe aho abemera bahurira bumva Ijambo ry'Imana, bahabwa amasakramentu akiza, aho ibisubizo bitangirwa. Ni nayo mpamvu muri za gahunda uko Nyagasani azajya atwongerera abasaserdoti, uko abalayiki bazajya bazana umuganda wo kwiyubakira no gushyigikira iyogezabutumwa iwabo nzajya nshinga paruwasi, bityo abakristu ntibajye bakora ingendo ndende bajya kuri paruwasi.

Nk'Umushumba wanyu ni mwe mbereyeho. Ariko nta cyo nshobora kugeraho tudafatanije. Nje nteze amaboko nsaba nkomeje ibyiciro binyuranye:

-Abapadiri n'abadiyakoni muzirikane buri gihe ko muri abafasha ba mbere b'umwepiskopi. Nimwitangire imbaga y'Imana muyigisha ijambo ryayo, muyiha amasakramentu, kandi muyiyobora mu nzira y'umukiro. Ibyo bishoboka gusa mwunze ubumwe n'umwepiskopi wanyu kandi mushyize hamwe hagati yanyu.

Nimwitangire gusohoza neza ubutumwa mwahawe muha urugero rwiza rw'ubuyoboke abo mushinzwe kuyobora. Murangwe n'urukundo n'ishyaka bya Kiliziya.

-Abihayimana mujye muhora mwibuka ko muri ikimenyetso gifatika cy'aho urukundo rw'Imana rutugeza: gusiga byose utagononwa kubera Ingoma y'Imana. Nimube abahanuzi b'ibi bihe, aho bamwe baha agaciro ibiyoyoka nk'umuyaga, uwihayimana agaragaza ikiruta ibindi: urukundo rwitangira abandi. Bihayimana, nimushyire hamwe n'abapadiri n'abalayiki ba Diyosezi ya Ruhengeri, mwubake Ingoma y'Imana.

-Abalayiki, bakristu, mufite uruhare mu butumwa bwa Kristu: umusaserdoti, umuhanuzi n'umwami mubikesha batisimu mwahawe. Buri wese mu kigero cye, mu bushishozi bwe (LG 30 -38) nagire uruhare mu kubaka Kiliziya y'Imana muri Diyosezi ya Ruhengeri. Muzirikane ko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Nimwumve ko amizero ya Kiliziya ari mu biganza byacu. Ingo za gikristu nizihe Kiliziya intore nyinshi kandi nziza zambariye kwogeza Inkuru Nziza y'agakiza.

Mubane neza mu rukundo (Intu 4, 32) mwirinda ivangura iryo ari ryo ryose. Muzirikane aya magambo ya Yohani ati: "Bose bazamenya ko muri abigishwa banjye niba mukundana" (Yoh 13, 34). Mwite ku mpfubyi, abapfakazi, imbohe, impunzi, abarwayi, abatagira kivurira.

Mbararikiye mwese gushyira ingufu mu kurengera ubuzima bw'umuntu kuva agisamwa kugeza igihe Imana yigeneye. Twibuke ko ubuzima ari ingabire y'Imana igomba kubahwa. Twamagane abashaka kubukinisha. Itegeko ry'Imana riratubwira ngo: NTUZICE.

-Kurengera umuryango (famille) kuko wugarijwe. Tumenye ko ushenye umuryango aba asenya Kiliziya, aba asenya Igihugu. Uwubatse umuryango aba yubatse Kiliziya , aba yubatse Igihugu.

-Duharanire uburere bunoze. Abana nibahabwe uburere bwuzuye : ubwenge n'imico myiza, iterambere ryubakiye ku cyubahiro cy'Imana n'ibyayo ni ryo riramba. Abubaka bateye Imana umugongo birabarindimukana. Iyo ducunze iby'Imana uko ibishaka bitugwa neza.

Basaserdoti, bihayimana, bakristu, iki ni igihe cyiza. Ni igihe gikwiye cyo kujya mbere dushingiye ku byiza byagezweho tubikesha abambajirije dushima. Inyigisho z'amateka zikadufasha gushyira mu gaciro.

Turangwe n'ukwizera ko iyaduhanze idashobora kudutererana, ahubwo ikaba ihora irushaho kongera abantu n'uburyo bwo kutwubaka.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, bashyitsi bahire, bavandimwe, ncuti, dushyire hamwe twese, twubake ibiramba dushingiye ku rukundo n'ukuri, amateka

azadushimire intambwe twateye dufatanye urunana, tuyobowe n'inyenyeri ya Kristu.

Tugushimiye Nyagasani ibyiza uhora utugirira. Tugutuye Kiliziya yawe yamamaye ku isi hose. Yihe kwivugurura iyobowe n'Ivanjili. Papa wacu Benedigito XV, n'abepiskopi bose bahe ubutwari n'imbaraga zo kwitangira ubushyo baragijwe. Komeza injishi y'ubumwe hagati y'abepiskopi n'umwepiskopi w'i Roma, umusimbura wa Petero. Komeza ubumwe hagati y'abalayiki n'abapadiri, abapadiri hagati yabo, n'abapadiri n'abepiskopi babo. Tugutuye iyi si yacu n'u Rwanda rwacu ku buryo bw'umwihariko. Hose hatangaze urumuri rw'amizero n'amahoro.

Bikira Mariya Mwamikazi w'i Fatima, udusabire. Amen.

Murakoze, murakarama.

Ruhengeri, 24/3/2012
Musenyeri Vincent HAROLIMANA
Umushumba wa Diyosezi ya RUHENGERI